REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

**B P:** 898, Kigali
**Tel:** +250 252575813
**E-mail:** bulletin@meteorwanda.gov.rw
**Website:** www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

**Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°13/2018:** **Gicurasi igice cya1: 01–10 Gicurasi 2018**

**Ryoherejwe kuwa 12 Gicurasi 2018**

**Ingingo z'ingenzi:**

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 1-10_Gicurasi_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu bice byo hagati mu gihugu (Ubupimiro bwa Kigali, Gitega, Byimana ndetse iboneka ari nyinshi mu burengerazuba bwo hagati ku bupimiro bwa Rubengera) ndetse inaba ku kigero gisanzwe ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri ayo mataliki;
- **Ububobere bwaragabanyutse kubera kugabanuka kw'imvura kwabonetse hose mu gihugu ariko ubutaka buracyafite ubutohe bubereye ibihingwa byinshi**
- **11-20_Gicurasi_2018;** hateganyijwe **imvura** izaboneka mu buryo bumwe nk'uko yabonetse muri iki gice cya mbere cya Gicurasi cyagenze kubera ihuriro ry'imiiyaga ritarahindura icyerekezo mu gace u Rwanda ruherereyemo

## I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere cya Gicurasi_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu bice byo hagati mu gihugu (cyane mu burengerazuba bwo hagati) ndetse inaba ku kigero gisanzwe ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri ayo mataliki

**a)** Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Gicurasi_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro:

**Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)**

| Ubupimiro | 01-10_Gicurasi_2018 | 01-10_Gicurasi |
|---|---|---|
| Kigali | 80.6 | 43.8 |
| Rusizi (Kamembe) | 26.9 | 46.0 |
| Rubavu (Gisenyi) | 48.6 | 46.0 |
| Nyamagabe (Gikongoro) | 80.3 | 71.8 |
| Ngoma (Kibungo) | 64.9 | 57.2 |
| Gicumbi (Byumba) | 92.0 | 57.0 |
| Busogo | 106.9 | 53.0 |
| Bugarama | 6.4 | 42.3 |
| Musanze (Ruhengeri) | 55.3 | 74.7 |
| Gitega | 117.2 | 49.7 |
| Rubengera | 141.4 | 75.7 |
| Byimana | 110.1 | 66.9 |
| Kawangire | 34.7 | 40.6 |
| Nyagatare | 22.7 | 43.5 |

Imbonerahamwe ya1




Igishushanyo1

**b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye**: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye 01-10_Gicurasi_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye 21-30_Mata_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

**Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Gicurasi_2018**




**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Gicurasi**




**Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-30_Mata_2018**




**Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-30_Mata**




## II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu Mataliki ya 01-10_Gicurasi_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere cya Gicurasi_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu bice byo hagati mu gihugu (ku bupimiro bwa Kigali; Gitega); ugana amajyepfo n'amajyaruguru (ubupimiro bwa Byimana, Gicumbi na Busogo) iba nyinshi cyane mu burengerazuba bwo hagati; ku bupimiro bwa Rubengera hakaba harabonetse imvura ingana na mm141.4) ahandi mu gihugu ikaba ku kigero gisanzwe ugereranyije n'imvura isanzwe iboneka muri ayo mataliki (reba **Ikarita1&2** ndetse n**'Imbonerahamwe1**); mu mataliki ya 21-30_Mata_2018 habonetse imvura yabaye nyinshi ku isanzwe iboneka ayo mataliki ndetse inaba nyinshi ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya mbere cya Gicurasi_2018 (reba **Ikarita3;4 &1**)

## III. Ingaruka ku Buhinzi

### a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)




Ikarita5: Mata.2018 igice cya gatatu

Ikarita5: Gicurasi.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Mata kugeza 10_Gicurasi_2018; amashusho y'icyogajuru akomeza kwerekana ubutaka bubobereye kubera ibihe by'imvura byabaye byinshi kurusha iminsi y'imicyo muri kino gihembwe cy'Ihinga-B (reba **Ikarita 5&6**)

### b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Gicurasi_2018

Mu gice cya kabiri cya Gicurasi_2018; hateganijwe imvura izaboneka mu buryo bumwe nk'uko yabonetse muri iki gice cya mbere cya Gicurasi cyagenze; hakaba hateganijwe ko izaba nyinshi mu mpera z'iki gice. Ikarita zikurikira zirerekana uko imvura izaboneka mu bice bitandukanye by'igihugu;

**Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Gicurasi_2018:**




Ikarita7: Gicurasi.2018 icyumweru cya 3

Ikarita8: Gicurasi.2018 icyumweru cya 3

**N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)**